

REPUBULIKA Y'U RWANDA



IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

**IBARURA KU MIBEREHO RUSANGE Y'INGO
(HARIMO N'UBURYO UMUTUNGO UKORESHWA)**

**- E.I.C.V.5 -
2016-2017**

AGATABO K'AMABWIRIZA AJYANYE NO:

- GUSHAKISHA INGO N'ABAGIZE "PANEL" (Tracking)**
- GUSHYIRA INOMERO KU MAZU N'INGO (Listing)**
- GUTORANYA INGO ZIZABAZWA EICV5 (Sampling)**

IBIRIMO

IBIRIMO.....	2
I. IBISOBANURO RUSANGE.....	3
1. Iriburiro.....	3
2. Intego za EICV5.....	3
3. Uburyo EICV5 yateguwe.....	4
II. GUSHAKISHA NO KUBARURA INGO ZIGIZE "PANEL" N'IZA "VUP-PANEL".....	7
1. FORM PLS1:.....	7
2. FORM PLS3 (yuzuzwa iyo urugo rwimutse cyangwa se iyo bamwe mu bari barugize bimutse):.....	9
3. FORM PLS4:.....	13
5. FISHI PLS2: IFISHI IGARAGAZA INGO ZOSE ZO MURI CLUSTER.....	15
6. AMATEGEKO 8 YA Panel.....	18
III. GUSHYIRA INOMERO KU MAZU NO KU NGO ZISANZWE.....	19
IV. GUTORANYA INGO ZIZABAZWA NO GUFATA IBIPIMO BYA GPS.....	25
IBIKORWA BY'AMAJYAMBERE MU MUDUGUDU.....	28
I M I G E R E K A.....	29
UMUGEREKA 1: "TABLE" YO GUTORANYA INGO NSHYA MU MUJYI WA KIGALI.....	30
MUGEREKA 2: "TABLE" YO GUTORANYA INGO NSHYA MU NTARA.....	35

I. IBISOBANURO RUSANGE

1. Iriburiro

Ku ncuro ya gatanu, u Rwanda rugiyeye gukora ibarura ku mibereho y'ingo n'ubukungu bwazo (EICV5) hagamijwe gukurikirana ingamba zafashwe mu by'ubukungu no kurwanya ubukene zikubiye muri gahunda zikurikira: Gahunda y'Imbaturabukungu no Guhashya Ubukene (EDPRS) n'Intego z'Iterambere Rirambye (SDGs).

Muri Gahunda y'Imbaturabukungu no Guhashya Ubukene (EDPRS2), hari politiki n'imishinga y'iterambere binyuranye byafashije abaturage kwivana mu bukene no kongera ubukungu: twavugaga nka RSSP, Vision 2020 Umurenge (VUP), UBUDEHE, Gahunda ya GIRINKA munyarwanda (ONE COW PER ONE POOR FAMILY), Gahunda yo kuvugurura ubuhinzi (GREEN REVOLUTION), Gahunda yo guhuza ubutaka (LAND CONSOLIDATION), Gahunda y'iterambere ry'Uturere (DDP) n'ibindi.

Mu rwego rwo gukomeza kunoza gahunda z'iterambere no gukurikirana ingamba zafashwe mu by'ubukungu no guhashya ubukene, Leta yahaye ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR) inshingano yo gukora ibarura rigamije kurushaho kumenya uko imibereho y'abaturage n'ubukungu byifashe mu gihugu. Hari abashobora gutekereza ko Ibarura Rusange ry'Abaturage n'Imiturire ari ryo ryagaragaza isura nyayo y'imibereho y'ingo kubera ko rigera mu ngo zose, ariko tuzi ko ibarura rusange ari igikorwa kiremeye kandi gisaba amikoro menshi ku buryo ibibazwa byose mu ngo mu gihe cy'amezi 12 bitashoboka hakozwe ibarura rusange. Ni yo mpamvu hatoranywa ingo zihagarariye izindi zose mu mudugudu, zikabazwa birambuye ibijyanye n'imibereho yazo ku buryo ibizava muri ubu bushakashatsi bizagaragaza ishusho nyaryo ry'imibereho y'abaturage.

Iri barura EICV5 ryabanjirijwe na EICV1 (2000/2001), EICV2 (2005/2006), EICV3 (2010/2011) na EICV4 (2013/2014). Nkuko EICV4 yakozwe imyaka 3 gusa nyuma y'aho EICV3 ikozwe (ubundi byabaga imyaka 5) kubera ko imibare itangwa na EICV ikenewe cyane kandi mu gihe cya hafi, EICV5 nayo igiye gukorwa imyaka 3 nyuma ya EICV4.

Na none, **“PANEL”**, bivugaga ko hari ingo zakorewemo EICV3 zikongera gukorerwamo EICV4, izakomeza muri EICV5, izo ngo zongera gukorerwamo ubushakashatsi. Ibi, bizatuma mu gusesengura ibyavuye mu ibarura, hagaragara impinduka zabaye muri izo ngo hagati ya EICV3 na EICV5 ku rwego rw'Igihugu. EICV5 izashakisha na none amakuru ajyanye n'imibereho y'ingo zikorana na gahunda ya VUP zakorewemo EICV4 (tuzite **“VUP-Panel”**) kugirango ku rwego rw'Igihugu, imibare ivuyemo izagaragaze impinduka zabaye mu ngo zibona inkunga zinyuranye z'iyi gahunda ya Leta.

2. Intego za EICV5

Ibarura rya gatanu ku Mibereho Rusange y'Ingo harimo n'uburyo umutungo ukoreshewa (EICV5), ndetse no gukurikirana imibereho y'ingo zimwe na zimwe muzakorewemo ibarura rya 3 n'irya 4 rigamije ibi bikurikira:

1. Kugaragaza ibimenyetso byerekana imibereho y'abaturage n'ubukungu mu ngo no kwerekana uko byarushijeho kuba byiza cyangwa ko ntacyahindutse tugereranyije n'ibyagaragajwe n'ibarura rya EICV4 ryakozwe mu mwaka wa 2013/2014;
2. Gutanga imibare ifatika yashingirwaho mu gusuzuma ibyagezweho n'Intego z'Iterambere Rirambye (SDGs);
3. Gutanga imibare ifatika yashingirwaho mu kugena politiki zigenderwaho mu mibereho no mu bukungu cyane cyane muri gahunda za EDPRS2;
4. Kumenya ibyiciro by'abaturage izo politiki zaba zireba kugira ngo Leta n'abafatanyabikorwa babashe guhitamo ahakenewe imbaraga byihutirwa;
5. Gusuzuma ibyagezweho mu mibereho rusange y'ingo hakurikijwe politiki z'ubukungu n'imishinga ikorwa mu nzego zitandukanye z'ubukungu n'imibereho myiza nka "Girinka Munyarwanda, VUP, Guhuza ubutaka, Guhinga igihingwa kiberanye n'ubutaka...";
6. Gutanga imibare yafasha gukora ubushakashatsi bwihariye ku bukene, ku miturire, ku mirire n'ibindi.
7. Gusesengura neza ikigereranyo cy'imihindagurikire y'imibereho y'ingo hifashishijwe imiterere y'ingo "PANEL" zakorewemo ibarura rya 3 (EICV3) n'irya 4 (EICV4).
8. Gutanga imibare ngenderwaho y'imibereho rusange ndetse n'impinduka zabaye hagati ya EICV4 na EICV5 mu ngo za "VUP-Panel".

3. Uburyo EICV5 yateguwe

3.1. Gutoranya imidugudu izakorerwamo ibarura

Muri EICV5, ubushakashatsi buzakorerwa mu midugudu 1260 (60 muri buri Karere ko mu Mujyi wa Kigali na 40 muri buri Karere ko mu Ntara). Muri buri mudugudu, ibarura rizakorerwa mu ngo 9 mu Mujyi wa Kigali n'ingo 12 mu Ntara, bihwaye n'ingo 14580 mu gihugu cyose. Ariko, kuri uwo mubare w'ingo, haziyongeraho nibura ingo 1520 zikorana na gahunda ya VUP n'ingo hafi 2423 za Panel; zose hamwe zikaba ingo 18523.

Icyitonderwa: Kubera impamvu yo kugerageza uburyo bushya bworoshye kandi bwuzuye bwo kubaza mu ngo uko bakoresheje ibyaguzwe (ibiribwa n'ibitari ibiribwa) ndetse n'ibikomoka ku musaruro w'urugo, hazabazwa ingo ebyiri z'inyongera muri buri mudugudu zizatoranyirizwa rimwe n'ingo zisanze, mu mudugudu. Ku rwego rw'Igihugu, imibare izava muri izo ngo 2520 zizabazwa kuri ubwo buryo izagereranywa n'izaba yavuye mu buryo busanzwe bukoreshwa. Nibigaragara ko iyo mibare ari myiza, ubutaha (igihe cya EICV6), birashoboka kuzafata umwanzuro wo gukoresha ubwo buryo bushya.

3.2. Gutoranya ingo zizabazwa

Gutoranya ingo zizabazwa byakozwe ku nzego zitandukanye bitewe n'ubwoko bw'ingo zizabazwa:

a) EICV5 mu ngo zisanzwe:

- ❖ ku rwego rwa mbere: muri buri Karere, hatoranyijwe imidugudu bishingiye ku mubare w'ingo ziyituyemo (imidugudu izakorerwamo "Panel" muri EICV5 ntabwo izajya mu mubare w'itoranywa).
- ❖ Ku rwego rwa kabiri hazatoranywa ingo zikenewe mu ngo zose zituye umudugudu watoranyijwe. Kubijyanye na "Panel", ingo zakorewemo EICV3 na EICV4 ni nazo zizakorerwamo EICV5.

Gutoranya ingo ku rwego rwa kabiri bisaba ko ingo zose zituye mu mudugudu zibarurwa kugirango umubare wazo na ba nyirazo bimenyekane.

Muri buri Karere, umurimo wo gutoranya ingo zizakorerwamo ibarura no kumenya aho ingo zigize "Panel" zihereye bizakorwa n'abashinzwe gukora ibarura mu gihe cy'iminsi 2 mu Ntara n'iminsi 3 mu Mujyi wa Kigali mbere y'uko ibiganiro mu ngo bitangira.

b) EICV5 mu ngo za VUP:

VUP ni gahunda ikorera muri MINALOC ifasha ingo zikennye cyane kwikura mu bukene hakoreshejwe ubwoko butatu bw'inkunga:

- 1) **Direct Support:** Amafaranga y'ingoboka ahabwa ingo zikennye cyane zigizwe n'abantu batishoboye.
- 2) **Public Work:** Akazi gahabwa umuntu umwe cyangwa babiri mu bagize urugo rukennye cyane kugira ngo umushahara babona ufashe urugo.
- 3) **Financial Service:** Inguzanyo y'igishoro ihabwa bamwe mu bagize urugo iyo bashoboye gutegura umushinga, bigafasha urugo kwikura mu bukene.

Icyitonderwa: Hari uburyo bushya **"Expanded Public Work"** bugamije gutanga akazi ku ngo zikennye mu gihe kingana n'umwaka, hiyongereyeho no guhabwa amatungo magufi afite agaciro k'amafaranga 80000.

Muri ubu bushakashatsi bureba gahunda ya VUP, hakoreshejwe uburyo bwa "PANEL", ingo 1520 zakorewemo EICV4 zizongera gukorerwamo EICV5 bitange imibare ngenderwaho mu gusuzuma ibyagezweho ku rwego rw'Igihugu na buri bwoko bw'imfashanyo. Haziyongeraho izindi ngo nshya, hafi 800, zizatanga imibare ngenderwaho ku rwego rw'Igihugu.

Ibyitonderwa muri rusange:

- 1) Muri rusange, mu gihe cyo gutoranya ingo zizakorwamo ibarura, hateganywa ingo zo gusimbura izitashoboye kuboneka ngo zibazwe; mu Mujiyi hateganywa ingo 3 naho mu Ntara hateganywa ingo 4. Nicyo gituma mu Mujiyi hatoranywa ingo 12 naho mu Ntara hatoranywa ingo 16.*
- 2) Kubera ko hari ingo 2 muri buri mudugudu watoranyijwe zibazwa by'umwihariko uko bakoresheje ibyaguzwe (ibiribwa n'ibitari ibiribwa) ndetse n'ibikomoka ku musaruro w'urugo, mu Mujiyi hatoranywa ingo 14, mu Ntara hatoranywe ingo 18.*
- 3) Muri cluster yakorewemo nka "Panel" cyangwa nka "VUP" mu gihe cya EICV4, zimwe mu ngo zakorewemo ubushakashatsi zizabazwa muri EICV5 ndetse na zimwe muzazivutseho. Abari bagize urugo muri EICV4 bazaba barimukiye ahandi hatari muri cluster baribatuyemo bazashakishwa niba mu gihe cya EICV3 (Panel) cyangwa EICV4 (VUP-Panel) bari bafitanye na nyiri urugo amasano 01-04.*

II. GUSHAKISHA NO KUBARURA INGO ZIGIZE “PANEL” N’IZA “VUP-PANEL”

Ingo zigize “Panel” ni ~~2423~~ 2345 ziri mu midugudu 177 muri rusange; 42 mu Mujiyi wa Kigali (imidugudu 14 muri buri Karere) na 135 mu Ntara (imidugudu 5 muri buri Karere). Naho ingo zigize “VUP-Panel” ni 1520 ziri muri cluster 220 muri rusange; 60 mu Mujiyi wa Kigali na 160 mu Ntara (**cluster 40 muri buri Ntara**). Birashoboka ko urugo rwaba rugituye aho rwabarurirwe muri EICV4 nkuko rwaba rutakihatuye kubera impamvu yo kwimuka cyangwa indi mpamvu. Hari uburyo 3 dusangamo izo ngo:

- a) Urugo rwabonetse muri cluster rwari rutuyemo n’abari barugize bose: icyo gihe, rurabarurwa n’abarutuye bose.
- b) Urugo rwabonetse aho rwari rutuye, ariko bamwe mu bari barugize ntibakirubamo, icyo gihe, rurabarurwa n’abarutuye, abatakirubamo bari bafite **nibura imyaka 16 y’amavuko mu gihe cya EICV4 (Panel) cyangwa imyaka 13 muri EICV4 (VUP)** bakabarurwa ku buryo bukurikira:
 - *Niba batuye muri iyo cluster*, bazabarurwa uretse abari bafitanye isano 05 - 12 na nyiri urugo batarikumwe n’umwe mu bari bagize urugo wari ufite isano **01-04 na nyiri urugo**. ~~bari bafitanye andi masano na nyiri urugo (01-10) mu gihe cya EICV3 (Panel) cyangwa EICV4 (VUP-Panel);~~
 - *Niba batagutuye muri iyo Cluster* ~~urwo mudugudu~~, abazashakishwa kugirango babarurwe ni abari bafitanye amasano 01- 04 na nyiri urugo mu gihe cya EICV3 (Panel) cyangwa EICV4 (VUP-Panel), hifashishijwe ifishi PLS4.
- e) Urugo ntirwabonetse muri cluster rwari rutuyemo: icyo gihe, ruzashakishwa iyo rwimukiye hifashishijwe ifishi PLS4. ~~Ku rugo rwa “Panel” by’umwihariko, ruzashakishwa niba mu gihe cya EICV4 rwari rufite PID y’umwe mu bari bafitanye amasano 01-04 na nyiri urugo mu gihe cya EICV3.~~

Amafishi yifashishwa mu gikorwa cyo kubarura ingo n’abazigize ni aya akurikira:

~~1. FORM~~ IFISHI PLS1:

Iyi fishi (**FORM PLS1 “PANEL LISTING SHEET”**) itanga umwirondoro w’urugo ugaragaza amakuru y’imiterere y’abari bagize urugo bose mu gihe EICV4. Aya makuru ajyanye na EICV4 akubiyemo N° ID, amazina, igitsina, imyaka n’isano bafitanye na nyiri urugo bya buri wese wari ugize urugo muri EICV4.

Icyitonderwa: mu ngo za “Panel” hatangwa n’amakuru ajyanye na N° ID y’abari bagize urugo, ndetse n’isano bari bafitanye na nyiri urugo mu gihe cya EICV3.

Aya makuru azafasha abakarani b’ibarura gushakisha urugo muri cluster rwari rutuyemo no kumenya abagomba gushakishwa niba batakiba muri urwo rugo.

a) EICV 5 PANEL LISTING SHEET "PLS1": UMWIRONDDORO W'URUGO RWA "PANEL"

HOUSEHOLD IDENTIFYING INFORMATION

```

-----
Cluster ..... 2
Household ..... 3
Dependence (PID) ..... 0
      HH LOCATION
PROVINCE ..... 1  UMUJYI WA KIGALI
DISTRICT ..... 1  NYARUGENGE
SECTOR ..... 04  KIMISAGARA
CELLULE ..... 03  KIMISAGARA
VILLAGE ..... 16  NYABUGOGO
-----

```

```

LONGITUDE READING is : 30.0435
LATITUDE READING is : 1.9435
EICV 5 HOUSEHOLD SIZE : 8
-----

```

ID_	ID	NAME	SEX4	AGE4	REL4	REL3
EICV4	EICV3					
1	1	VITAL	NIRINGIYIMANA	1	44	1
2	2	FRANCOISE	NYINAWANKUSI	2	44	2
3	4	ALINE	UWINEZA	2	20	3
4	5	JEAN LUC	NIRINGIYIMANA	1	18	3
5	6	HENRIETTE	NISHIMWE	2	16	3
6	7	MARIE GORETH	TWITEGURE	2	14	3
7	8	DELPHINE	MBABAZI	2	12	3
8	0	NADINE	UWIMBABAZI	2	23	12

b) EICV 5 PANEL LISTING SHEET "PLS1": UMWIRONDDORO W'URUGO RWA "VUP-PANEL"

HOUSEHOLD IDENTIFYING INFORMATION

```

-----
Cluster ..... 5002
PROVINCE ..... 1  UMUJYI WA KIGALI
DISTRICT ..... 1  NYARUGENGE
SECTOR ..... 04  KIMISAGARA
CELLULE ..... 03  KIMISAGARA
VILLAGE ..... 16  NYABUGOGO
Household ..... 1
-----

```

```

LONGITUDE READING is : 30.0438
LATITUDE READING is : -1.9435
EICV 3 HOUSEHOLD SIZE : 8
-----

```

ID	NAME	SEX	AGE	REL
1	NYANDWI	Bosco	1	43
2	KANKUNDIYE	Beatrice	2	30
3	MUHORAKEYE	Uwanyirigira	2	11
4	MUHIRE	Augustin	1	9
5	TUYISHIMIRE	Noel	1	7
6	TUMUKUNDE	Josiane	2	5
7	TWIRINGIYIMANA	Mose	1	3
8	MUGISHA	Irakoze	1	1

~~Urugo rushobora kuboneka muri cluster rwari rutuyemo cyangwa se rwarimukiye ahandi:~~

UBURYO AMAKURU YO MU IFISHI PLS1 AKORESHWA

a. Urugo rwabonetse muri cluster rwari rutuyemo:

Iyo urugo rwabonetse muri cluster rukaba rwemeye kubarurwa, amakuru yose yo muri PLS1 yandukurwa mu gika 0 cy'urutonde rw'ibibazwa (paji 0.5) kuva **ku** kibazo cya 1 kugera ku kibazo cya 4. Ku ngo za "**PANEL**" mubanza kuzuza No ID **y'abari bagize urugo muri** EICV3 (Panel) cyangwa **No ID y'abari bagize urugo muri** EICV4 (VUP).

Kuri buri wese ku rutonde, umukarani w'ibarura abaza ikibazo cya 5 kigamije kumenya abagituye mu rugo (1), abatakibaza (2) n'abapfuye (3). Ikibazo cya 6 kibazwa Nyiri urugo wenyine cyangwa uwemewe kumusimbura, gituma umukarani w'ibarura amenya niba hari abantu bashya biyongereye ku bari mu rugo, **ari bo** ~~ni~~: abana bavutse cyangwa abantu bimutse baza mu rugo. Niba bahari, amazina yabo yandikwa mu kibazo cya 7 uhereye ku murongo ujyanye na N° ID ikurikira iyari igezweho muri EICV4 maze kuri buri wese hakuzuzwa ikibazo cya 8 kivuga ukwezi n'umwaka umuntu yagereye muri urwo rugo.

Iyo ibyo birangiye, mu kibazo cya 9 abagize urwo rugo bose muri EICV5 bahabwa N° ID (ku murongo umwe n'amazina yabo) uhereye kuri nyiri urugo w'ubu, uwo bashakanye, abana n'abandi. Hanyuma, mukandukura abagize urugo mu gika cya 1 (paji 1.2) ukurikije N° ID zabo.

b. Urugo rwimukiye ahandi:

Iyo urugo rwimukiye ahandi, amakuru yo muri PLS1 yandukurwa kuri PLS3, maze hagashakishwa amakuru y'aho urugo rwimukiye.

~~2. FORM~~ **IFISHI** PLS3:

~~(yuzuzwa iyo urugo rwimutse cyangwa se iyo bamwe mu bari barugize bimutse)~~

Ifishi PLS3 ifasha umukarani w'ibarura gufata umwanzuro wo gushakisha urugo rwimutse cyangwa bamwe mu bagize urugo batandukanye n'urugo rwabo. Amakuru yuzuzwa kuva ku nkingi ya 1 kugera ku ya 4 aha mu ifishi PLS1. Na none, ~~ku ngo za "PANEL"~~ mubanza kuzuza ~~No ID EICV3.~~ **No ID y'abari bagize urugo muri** EICV3 (Panel). Ku ngo za VUP, ntacyo umukarani w'ibarura yuzuzwa mu nkingi ya No ID EICV3.

FORM PLS3: ifasha gufata umwanzuro wo gushakisha abimutse

		Amakuru arebana na EICV4				Kuba akiba mu rugo	Aho atuye ubu	Gushakisha abimutse		Kuzurizwa PLS4	
00	01	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
N O I D EICV 3	N O I D EICV 4	Izina nkuko ryari riri muri EICV 4	Igitsina Gabo...1 Gore...2	"..." yari afitanye isano ki na nyi ri urugo? Nyiri urugo (HH).....01 Uwashakanye na HH.....02 Umuhungu/umukobwa wa HH.....03 Abana bakiriwe na HH04 Se/Nyina wa HH.....05 Umuwandimwe wa HH.....06 Abuzukuru ba HH.....07 Sebukwe/Nyirabukwe wa HH.....08 Baramu/Baramukazi ba HH.....09 Abandi bafitanye indi sano na HH...10 Abandi badafitanye isano na HH.....11 Umukozi wo mu rugo uhembwa.....12	"...." yari afite imyaka ingahe igihe cya EICV4? Yego.....1 => Umuntu ukurikira Oya, ntakihaba2 Oya, yarapfuye3 => Umuntu ukurikira	"..." aracyaba mu nzu urugo rwari rutuyemo igihe cya EICV4? Yego.....1 => Umuntu ukurikira Oya, ntakihaba2 Oya, yarapfuye3 => Umuntu ukurikira	"...." yaba atuye he ubu? 1=Muri cluster asanzwemo => Q10 2=Ahandi mu Karere asanzwemo 3=Mu kandi Karere 4= Mu Mujyi wa Kigali 5=Mu kindi Gihugu => umuntu ukurikira 8=Ntabizi => umuntu ukurikira	Uzuriza uwimutse kimwe muri ibi bikurikira ukurikije isano na nyiri urugo muri EICV3 (Panel) cg muri EICV4 (VUP-Panel) : 1= Uwari afite nibura imyaka 13 y'amavuko kuri Q4 kandi isano na nyiri urugo ari 01-04 (VUP) 2= Uwari afite nibura imyaka 43 y'amavuko kuri Q4 kandi isano na nyiri urugo ari 540 01-04 (Panel) 3= Umwana wari ufite imyaka y'amavuko iri muni ya 13 (VUP) cg 16 (Panel) kuri Q4 4= Uwari ufite isano na nyiri urugo 05 - 12	Ese '.....' yimukanye n'undi wari uwo muri uru rugo? Yego....1 Oya.....2	Muhe ID y'uwo bimukanye ufite isano ya hafi na nyiri urugo (amasano 01-04 gusa) cg Muhe ID ye niba yarimutse wenyine ariko afite isano 01 - 04	Ese, wujurije "..." ifishi PLS4? 1= Yego 2= Yego, kuri PLS4 y'undi muntu 3= Oya kuko agituye muri cluster 4= Ntabwo ashakishwa 5= Oya, nta makuru twamuboneye
	01										
	02										
	03										
	04										
	05										
	06										
	07										
	08										
	09										
	10										
	11										
	12										
	13										
	14										

	15										
--	----	--	--	--	--	--	--	--	--	--	--

Ikibazo cya 5 kibaza niba umuntu akiba mu rugo. Iyo igisubizo ari 1 bivuga ko akirubamo, mujya ku muntu ukurikira, niba ari 2 bivuga ko atakirubamo, mukomeze. Naho niba ari 3 bivuga ko yapfuye, mujya ku muntu ukurikira.

Ku bantu batakirubamo (bashubije 2 ku kibazo cya 5), **ikibazo cya 6** kigamije kumenya aho batuye ubu. Niba igisubizo ari 1 (atuye muri cluster ikorerwamo ibarura), mujya ku kibazo cya 10 kuko kubashakisha bitagoye. Niba yarimukiye ahandi mu Rwanda (ibisubizo 2-4) mukomeza ku kibazo cya 7, niba igisubizo ari 5 cyangwa 8, mubaza umuntu ukurikira kuko abo batazashakishwa.

Ikibazo cya 7 gifasha kumenya abantu bimutse bagomba gushakishwa.

- Igisubizo 1 ni abafitanye isano 01- 04 na Nyiri urugo mu gihe cya ~~EICV3 (Panel) cg muri EICV4 (VUP-Panel)~~ bari bafite nibura imyaka 13 y'amavuko ~~mu gihe cya EICV4~~. *Aba bagomba gushakishwa aho bimukiye.*
- Igisubizo 2 ni abafitanye isano ~~01-04 (Panel) 05-10~~ na Nyiri urugo bari bafite nibura imyaka ~~13~~ 16 y'amavuko mu gihe cya EICV4. *Aba bazashakishwa muri EICV5 aho bazaba barimukiye hose mu gihugu. iyo bimukiye muri cluster bari batuyemo mu gihe cya EICV4 cyangwa iyo bimukiye ahandi hamwe n'umwe mu bashubirijwe*
- Igisubizo 3 ni abana bari bafite imyaka y'amavuko iri munsu ya 13 (VUP) cg 16 (Panel) ~~munsu y'imyaka 13 y'amavuko~~ mu gihe cya EICV4. *Aba bana babazwa muri EICV5 iyo bimutse hamwe n'umwe mu bashubirijwe 1 cyangwa 2.*
- Igisubizo 4 ni abari ~~bafitanye isano na nyiri urugo 05 -12 dafitanye isano na Nyiri urugo 11 cyangwa 12~~ mu gihe cya EICV3 (Panel) cg muri EICV4 (VUP-Panel). *Aba ntibashakishwa, ariko iyo bimukanye n'umwe washubirijwe 1 barabazwa muri EICV5.*

Ikibazo cya 8 kibaza niba uwimutse yarajyanye n'abandi bari bagize urugo muri EICV4, maze ku kibazo cya 9 mukamuha N° ID y'uware afite isano ya hafi na Nyiri urugo mu gihe cya EICV3 (Panel) cg muri EICV4 (VUP-Panel). Niba yarimutse wenyine, mumuha N° ID ye yo mu gihe cya EICV3 (Panel) cg muri EICV4 (VUP-Panel). Uwo wimutse wari afite isano ya hafi na Nyiri urugo cyangwa uwimutse wenyine niwe wuzurizwa ifishi PLS4 itanga amakuru y'aho yimukiye.

Icyitonderwa: Ifishi PLS4 yuzurizwa gusa abari bafitanye isano 01 – 04 na Nyiri urugo mu gihe cya EICV3 (Panel) cg muri EICV4 (VUP-Panel) bimukiye muri cluster itari iyo bari batuyemo mu gihe cya EICV4.

Ikibazo cya 10 cyuzuzwa igikorwa cyo gushakisha amakuru y'abimutse kirangiye (amakuru ashakishwa aho bari batuye), hakurikijwe ibyujijwe kuri PLS4.

3. FORM IFISHI PLS4:

Iyi fishi PLS4 yuzurizwa umuntu wese wimutse akajya muri cluster itari iyo yari atuyemo igihe cya EICV4 (ibisubizo 2-4 ku kibazo cya 6 PLS3 ku muntu wari afitanye amasano 01 – 04 na nyiri rugo mu gihe cya EICV3 (Panel) cg muri EICV4 (VUP-~~Panel~~). Umukarani yuzuza ikirango cye, itariki ahereweho amakuru, inomeru ya cluster, inomeru y'urugo (HH ID) yari arimo muri EICV3 (Panel) cg muri EICV4 (VUP-~~Panel~~ na PID y'ushakishwa iri kuri PLS3, Q9.

Akomeza abaza amakuru yose yafasha kumenya aho ushakishwa atuye kuri ubu amaze kuzuza amazina y'umuranga (umuhaye amakuru) n'aho abarizwa (Telefone, Akarere, Umurenge, Akagari, Umudugudu). Ayo makuru arebana n'ihuriro ry'umuranga n'uwo aranga: isano cyangwa ikindi kintu kimuha n'uwo aranga (1), aho ushakishwa atuye: Akarere, Umurenge, Akagari, Umudugudu (2), icyakwifashishwa kugira ngo umuntu aboneke: Telefone, Imeli, aderesi (3), aho akora: Telefone, amazina y'umukoresha, aderesi (4), aho akunda kuba ari: urusengero, isoko, ishuri... (5), n'andi makuru yose yafasha kumubona (6).

IFISHI PLS4: IFISHI YO GUSHAKISHA AMAKURU UBWA MBERE

Umukarani	Igihe uhereye amakuru			Ibiranga urugo muri EICV4				PID (reba PLS3, Q9)
	Itariki	Ukwezi	Umwaka	Nimero ya Cluster		ID y'urugo		
	Byuzurizwa muri cluster cg aho urugo rwabarijwe mo igihe cya EICV4				Byuzurizwa na Mobile Team mri cluster urugo rwabonetsemo			
ID (reba PLS3, Q00)	Amazina y'abagomba gushakishwa				7. Ese "...“ yabonetse? 1=Yego 2=Oya => Q9	8. Ese "...“ yabajijwe muri EICV5? 1= Yego 2= Oya (vuga impamvu muri Q9)	9. Niba ashakishwa ubwa 2, andika ikandi wuzuze PLS4 y'aho yimukiye ubwa kabiri	
Amazina y'umuranga Telefone y'umuranga Akarere k'umuranga Umurenge w'umuranga Akagari k'umuranga Umudugudu w'umuranga								
<div style="text-align: center;"> 4. 1. Ihuriro ry'umuranga n'uwo aranga </div> 1= Babanaga muri EICV4 3= Umuturanyi 5= Inshuti 7= Umwarimu 9= Undi 2= Utuye mu nzu yaraturyemo 4= Uwo bafitanye isano 6= Umuyobozi 8= Uwo bahuje Itorero								
2. Ese "...“ atuye he ubu?		Aho atuye Akarere Umurenge Akagari Umudugudu						
3. Waduha amakuru akurikira?		Amakuru yafasha kumubona Telefone Email Indi aderesi						
4. Waba uzi aho "...“ akora?		1= Yego ; 2= Oya => Q5 Amakuru y'aho akorera Telefone Amazina y'umukoresha Aderesi						
5. Waba uzi aho "...“ akunda kuba ari? (urusengero, isoko, ishuri...)		Ubusobanuro bw'aho hantu 1. 2.						
6. Andi makuru yafasha Mobile Team (amakuru ajyanye n'abo bimukanye)								

Iyo umukarani w'ibarura arangije kuzuzwa PLS4 kugeza ku kibazo cya 6, ajya kuzuzwa ikibazo cya 10 kuri PLS3 aho buri wese wari mu bagize urugo muri EICV4 asubirizwa hakurikijwe ibyujijwe kuri PLS4. Iki kibazo kigamije kumenya abantu bujijwe PLS4 (*igisubizo ni 1*), abari kuri PLS4 yujijwe undi muntu (*igisubizo ni 2*), abatayujijwe kubera ko bagituye muri cluster (*igisubizo ni 3*), abadashakishwa kuko badafitanye isano na nyiri urugo (*igisubizo ni 4*) cyangwa abatabonewe amakuru y'aho bimukiye (*igisubizo ni 5*).

Uko PLS4 ihererekanywa: Umukarani w'ibarura wujuje ***PLS4*** ikubiyemo ibiranga aho ushakishwa aherereye, ayishyikiriza **Controller we**, uyu akayohereza kuri **Mobile Team** y'Intara ushakishwa abarizwamo.

Iyo ayo makuru ageze kuri Mobile Team y'Intara ushakishwa abarizwamo, iyo Team iramushakisha maze ikuzuzwa kuva ku kibazo 7 kugeza ku kibazo 9 kuri PLS4.

Icyitonderwa: Iyo “cycle“ y'ibarura irangiye, buri Controller wa Mobile Team yohereza amafishi PLS4 yose yahawe ku kigo cya NISR.

Iyo ushakishwa atabonetse aho yimukiye kuko yongeye kwimuka, musaba amakuru ajyanye n'aho yimukiye ubwa kabiri maze mukayuzuzwa ku ifishi ya kabiri “ PLS4 YO GUSHAKISHA AMAKURU UBWA KABIRI” yabigenewe (iteye nk'iyayibanjirije).

IFISHI PLS4 YO GUSHAKISHA AMAKURU UBWA KABIRI
(yuzuzwa iyo ushakishwa atabonetse aho yimukiye bwa mbere)

[illegible]

Icyitonderwa: Ibisobanuro n'amabwiririza byatanze ku Ifishi PLS4 yo gushakisha amakuru ubwa mbere birakurikizwa no kuri iyi fishi PLS4 yo gushakisha amakuru ubwa kabiri ariko yo, ibibazo byose byuzuzwa na Mobie Team ~~ku bibazo~~.

5. 4.FISHI PLS2: IFISHI IGARAGAZA INGO ZOSE ZO MURI CLUSTER

Iyi fishi PLS2 ni imbonerahamwe ya Cluster itanga amakuru ajyanye n'ingo zose zari muri EICV4 n'iziyongereyeho muri EICV5.

Umukarani w'ibarura			Igihe uhereye amakuru				Ibiranga urugo muri EICV4				
			Itariki	Ukwezi	Umwaka		Inomero ya Cluster				
/ /			/ /	/ /	/ / / /		/ / /				
EICV3/ EICV5			Ingo zose muri Cluster	Urugo rwa EICV4	Ingo z'abari bagize ingo muri EICV4		Gusimbura (Abashubije F2=2 cg F2=3)	Ingo zishakishwa	Intonde zujujwe		
SID	HHID	PID	F2	F3	F4	F5	F6	F7	F8- F7	F9 F8	
			1= Urugo rwabonetse mu nzu rwari rutuyemo muri EICV4 ari nta mpinduka zikomeye (abafite isano 11-12 05-12 batarimo) => F9 F8 2=Urugo rwabonetse mu yindi nzu muri cluster rwari rutuyemo muri EICV4 (nubwo abafite isano 11-12 05-12 baba batarimo) => F7 3= Urugo rwose ntirugituye muri cluster rwari rutuyemo muri EICV4 => F8 F7 4= Urugo rwabonetse ariko bamwe mu bari barugize muri EICV4 ntibakirubamo (bafite isano 01-10 01-04) =>F3 5= Urugo rushya rw'umwe/bamwe mu bari bagize urugo muri EICV4 (abafite isano 01-10 01-04) rwabonetse muri cluster => F9 F8 6= Urugo rutabonetse => F9 F8 7= Urugo rwanze gusubiza => F9 F8	Umubare w'ingo zavutse ku rugo rwa Panel NIBA ARI "0" => F7 (Handikwa 0 ku bantu bose badashakishwa: abapfuye, bagiyeye hanze y'i Gihugu n'abafite muni y'inyaka 13 (VUP) cg 16 (Panel))	N° ID y'ufitanye isano ya hafi na nyiri urugo mu bimukiyeye hamwe Niba yarimutse wenyine, andika N° ID ye yari afite muri EICV3 (Panel) cg EICV4 (VUP)	Hari urugo rwavutse ku rugo rwa Panel/VUP rwabonetse muri mudugudu cluster? 1= Yego 2= Oya => F7	N° ID yahawe urugo rwabonetse muri mudugudu cluster rukomoka ku rugo rwa Panel/VUP => F8	Andika "0" niba inzu urugo rwari rutuyemo muri EICV4 idaturwe Niba inzu iturwe n'urundi rugo uzuzwa 99 kuko urugo rutababurwaga	Andika umubare w'ingo zigomba gushakishwa na Mobile team, niba ari ntazo mwandike "0"	Ese urutonde rw'ibibazwa rw'uru rugo rwujujwe? 1= Yego 0= Niba rutabonetse mu mudugudu cluster cg rwanze gusubiza	
01											
02											
03											
04											
05											
06											
07											
08											
09											
10											
11											
12											
13											
14											
15											
16											
A	UMUBARE W'INTONDE Z'IBIBAZWA (Questionnaires) ZUJUJWE INGO ZABARIJWE MURI CLUSTER										
B	UMUBARE W'IFISHI "PLS4" ZAHawe MOBILE TEAM										
Ese, umubare w'intonde z'ibibazwa (questionnaires) zujujwe ingo zabarijwe muri cluster ungana n'uwo ku murongo A? (niba imibare idahura bisuzume n'Ubugenzi)							1=Yego	2=Oya	/ /		
IFISHI "PLS4" ZAHawe MOBILE TEAM											
IGITERANYO KIGOMBA KUNGANA N'ICYO KU MURONGO "B"											

Uko iyi fishi yuzuzwa (itangira kuzuzwa *Listing* irangiye, ikarangira kuzuzwa ibiganiro birangiye mu ngo zose zabaruwe muri Cluster):

- Mu nkingi S ID (Serial number), buri murongo wanditswemo umubare kuva kuri 01 kugeza kuri 16 bingana n'umubare w'ingo zishobora kubarurwa muri cluster, izabaruwe muri EICV4 n'izizikomokaho;
- Mu nkingi HH ID, huzuzwa inomeru y'urugo rwabaruwe muri EICV4, ari nayo numero y'urugo rurukomokaho.
- Mu nkingi PID (**PID y'umuntu ihuye na NoID ye**), huzuzwa :
 - inomeru **PID 00** niba ari urugo rwa nyiri urugo rwakorewemo EICV4;
 - inomeru **PID y'uware ufite isano ya hafi na nyiri urugo mu bimukiye hamwe (PID ye niba yirimutse ari wenyine)** niba ari urugo rukomoka ku rugo rwakorewemo EICV3 (Panel) cg muri EICV4 (VUP-Panel).

Icyitonderwa: Nta rugo na rumwe rushobora guhabwa PID 01 kubera ko 01 ubusanzwe ari ID ya nyiri urugo kandi akaba yahawe PID 00.

- Mu nkingi F2, huzuzwa umubare ujyanye n'uko buri rugo rwa panel/VUP (rwujurijwe HH ID na PID) ruteye:
 - 1= Urugo rwabonetse mu nzu rwari rutuyemo muri EICV4 ari nta mpinduka zikomeye => **F9 F8**
 - 2= Urugo rwabonetse mu yindi nzu muri cluster rwari rutuyemo muri EICV4 => **F7**
 - 3= Urugo rwose ntirugituye muri cluster rwari rutuyemo muri EICV4 => **F8 F7**
 - 4= Urugo rwabonetse ariko bamwe mu bari barugize muri EICV4 ntibakirubamo => **F3**
 - 5= Urugo rushya rw'abari bagize urugo (abafite isano 01-10) rwabonetse muri cluster => **F9 F8**
 - 6= Urugo ntirwabonetse => **F9 F8**
 - 7= Urugo rwanze gusubiza => **F9 F8**
- Mu nkingi F3, mwuzuzwa umubare w'ingo zavutse kuri buri rugo. Niba ari ntazo, mwandika "0" mukajya kuri F7;
- Mu nkingi F4, mwuzuzwa N° ID y'uware ufite isano ya hafi na nyiri urugo wo muri EICV3 (Panel) cg muri EICV4 (VUP-Panel) mu bimukiye hamwe, ariko niba yarimutse wenyine, mwandika N° ID yari afite icyo gihe;
- Mu nkingi F5, mubaza niba hari urugo rushya rwavutse ku rugo shingiro rwabonetse muri cluster. Niba igisubizo ari "Oya", mujya kuri F7
- Mu nkingi F6, mwuzuzwa S ID yahawe urugo rushya rukomoka ku rugo shingiro rwabonetse muri cluster, hanyuma mukajya kuri F8;
- ~~Mu nkingi F7, mwandika "0" niba inzu urugo rwari rutuyemo muri EICV4 idatuwe; niba iyo nzu ituwe n'urugo rutari mu ngo zibarurwa;~~
- Mu nkingi **F8 F7**, mwandika umubare w'ingo zishakishwa. Niba ari ntazo, mwandika "0".

Icyitonderwa: Urugo rwa EICV4 rushobora kubyara ingo nyinshi zishakishwa mu gihe abari barugize batimukiye hamwe bose;

- Mu nkingi ~~F9~~ F8, musubiza ikibazo kibaza niba urugo rwujurijwe urutonde rw'ibibazwa (questionnaire). Niba ari "Yego", mwandika 1, niba urugo rutabonetse muri cluster, mwandike 0.

Iyo kuzuzwa iyi mbonerahamwe birangiye, mwuzuzwa mu murongo "A" igiteranyo ~~cy'intonde z'ibibazwa-zujujwe~~ cy'ingo zabarijwe muri cluster mu nkingi ~~F9~~ F8 naho mu murongo "B", mwuzuzwa mu nkingi ~~8~~ 7 igiteranyo cy'ingo zigomba gushakishwa cyangwa zujurijwe PLS4.

Nyuma yo gukora igiteranyo cy'imibare y' ~~intonde z'ibibazwa-zujujwe~~ ingo zabarijwe mu nkingi ~~9~~ 8, ~~mubara intonde-zujujwe~~ musuzume rumwe ku rundi mukemeza niba igiteranyo mubonye gihuye n'icyo mu murongo A mu nkingi ~~9~~ 8, mukandika igisubizo mu kazu ku murongo ukurikira B, mu nkingi ~~9~~ 8. Niba ibiteranyo byombi bitandukanye, mugomba gusuzuma ahaba hari ikosa cyangwa aho mwibeshye kuko byagombye kungana.

Imirongo ikurikira yandikwamo amakuru ajyanye na PLS4 zohererejwe Mobile Team. Ayo makuru ni "S ID", "HH ID", "PID" bya buri rugo rugomba gushakishwa cyangwa rwakorewe PLS4 n'igiteranyo cy'izo ngo zose cyandikwa mu nkingi F8 ku murongo wa nyuma. Icyo giteranyo kigomba kungana n'icyabonetse mu murongo "B".

6. 5. AMATEGEKO 8 YA Panel

No	Itegeko	Aho bikoreshwa	Igikorwa
1	Urugo rwa EICV4 barusanze aho rwari rutuye	Panel	Baza urugo rwose
2	Urugo rwa EICV4 barusanze muri cluster rwari rutuyemo ariko mu nzu itandukanye n'iyi rwari rurimo muri EICV4	Panel	Baza urugo rwose
3	Umwe mu bagize urugo rwari muri EICV4 ufutanye isano na nyiri urugo kuva kuri 01-10 01-04 muri EICV3 (PANEL) cg muri EICV4 (VUP- Panel) akaba yarimukiye mu rundi rugo muri iyi cluster	Panel	Baza urugo rwose
4	Umwe mu bari bagize urugo muri EICV4 (isano na nyiri urugo ari 11-cg-12 05-12 muri EICV3 (PANEL) cg muri EICV4 (VUP- Panel) wimukiye muri cluster urugo rwa rwari rusanzwemo	Ntaho	Ntumubaze
5	Umwe mu bagize urugo muri EICV4 ufutanye isano na nyiri urugo kuva kuri 01-04 muri EICV3 (PANEL) cg muri EICV4 (VUP- Panel) wimutse akava muri cluster urugo rwari rutuyemo	Panel	Kumushakisha aho ariho hose mu Rwanda
6	Uwabarijwe mu rundi rugo muri EICV4 akaba agituye muri urwo rugo yabarijwemo rugahabwa PID ye	Panel	Baza urugo rwose
7	Urugo rwabarijwemo umwe mu bari bagize urugo rwa panel muri EICV4, rugahabwa PID ye, ariko kuri ubu akaba atakibarizwa muri urwo rugo	Ntaho	Nturubaze (Ahubwo hashakishwa aho uwo muntu yimukiye)
8	Umwe mu bagize urugo muri EICV4 wari afutanye isano na nyiri urugo kuva 05-12 muri EICV3 wimutse akava muri cluster urugo rwari rutuyemo	Ntaho, keretse niba ari kumwe n'umwe mu bavugwa mu itegeko rya 5	Baza uru rugo gusa niba umuntu arebwa n'itegeko rya 5

III. GUSHYIRA INOMERO KU MAZU NO KU NGO ZISANZWE

Ibarura ry'ingo (gushyira inomeru ku mazu) rigamije gushyira ku rutonde ingo zose zituye mu mudugudu watoranyijwe (ku rwego rwa mbere) kugirango hatoranywemo ingo zizakorwamo **EICV5 (Ingo nshya/ Cross-sectional)**. Uwo murimo uzakorwa n'abakarani b'ibarura bagize ikipe mu Turere two mu Ntara mu gihe cy'umunsi 1 muri buri mudugudu watoranyijwe, naho mu Turere tugize umujyi wa Kigali, hateganyijwe ko ibarura ry'ingo mu mudugudu watoranyijwe rizakorwa n'umukozi 1 mu gihe cy'iminsi 3.

Ikipe ya EICV5 yimenyekanisha ku buyobozi bw'Akarere, ubw'Umurenge n'ubw'Akagari umudugudu watoranyijwe uherereyemo mbere yo gutangira imirimo mu mudugudu. Nyuma yaho, yegera ubuyobozi bw'umudugudu ikabusobanurira ko umudugudu watoranyijwe mu buryo bwa tombola, ikanabusobanurira imirimo ya EICV igiye gukorwa mu mudugudu, ari yo:

- kumenya imbibi z'umudugudu watoranyijwe;
- gushyira inomeru ku mazu no ku ngo zituye mu mudugudu watoranyijwe;
- gukora urutonde rw'ingo zituye mu mudugudu watoranyijwe;
- gutoranya kuri urwo rutonde ingo zizakorwamo ibarura EICV5;
- kumenya aho ibikorwa by'amajyambere rusange by'ingenzi biherereye mu mudugudu;
- gukora ibiganiro n'ingo zatoranyijwe mu gihe cy'iminsi 16 mu Ntara n'iminsi 33 mu Mujyi wa Kigali.

Ikipe izaboneraho gusaba ubufasha bw'abayobozi b'umudugudu, cyane cyane mu bijyanye no kumenya neza imbibi z'umudugudu n'ibikorwaremezo by'ahazakorwa ibarura no gukangurira abaturage kwitabira ibarura.

Kugirango hatagira icyibagirana, ibikorwa bikurikirana ku buryo bukurikira:

- 1) kuzenguruka umudugudu hifashishijwe ikarita yateguwe n'ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda (NISR) kugirango umurimo wo gushyira inomeru ku mazu no ku ngo utegurwe kandi ukorwe neza.
- 2) gukora ilisiti y'amazu n'ingo hifashishijwe **Ifishi F1**. Ni byiza kwiha icyerekezo mbere yo gutangira gushyira inomeru ku mazu no ku ngo: kubahiriza imirongo cyangwa imihanda (umurongo/umuhanda ku wundi) niba mu mudugudu ugaragaramo ubucucike cyangwa umusozi ku wundi/agace ku kandi niba abantu batuye mu buryo bwitaruye mu cyaro. Byumvikane ko inzu imwe ishobora guturwamo n'ingo nyinshi nkuko urugo rumwe rushobora gutura mu mazu menshi.

Icyitonderwa: Amazu adatuwe yagenewe guturwamo n'atwemo atari cyo yagenewe nayo azashyirwaho inomeru kugirango twizere ko ari nta rugo na rumwe rwibagiranye, dore ko hari ingo zitura mu ma "chantiers", insengero cyangwa mu maduka.

- 3) guhuza impapuro zose zakoreshejwe mbere yo gukora ilisiti y'ingo zose zituye mu mudugudu (kuziha inomeru) mu nkingi ya nyuma ku **Ifishi F1**, kugirango byoroshye igikorwa cyo gutoranya ingo zizabarurwa.

Icyitonderwa: Ingo z'abanyamahanga batari Abanyafurika, n'ingo z'abakozi bo ku rwego mpuzamahanga batari Abanyarwanda (Ambasade cg Imiryango mpuzamahanga) ntizibarurwa muri EICV.

Gushyira inomeru ku mazu no ku ngo, hifashishwa ifishi F1.

❖ Ifishi F1 : Lisiti y'amazu n'ingo mu mudugudu watoranyijwe

Amaze kuzuza ibiranga umudugudu kuri iyi fishi F1, umukarani w'ibarura azatangira umurimo wo gushyira inomeru ku mazu (HU) uko akurikiranye n'ineru ku ngo uko zikurikiranye muri buri nzu cyangwa inzu ituwe ku yindi.

HU (Housing Unit) ni inzu yagenewe guturwa cyangwa yagenewe gukorerwamo ibindi ariko ikaba ituwe cyangwa ishobora guturwamo n'urugo rumwe cyangwa ingo nyinshi. Na none, urugo rushobora gutura mu nzu imwe cyangwa inzu nyinshi.

Inomeru y'inzu n'ineru y'urugo zizandikishwa marikeri cyangwa ingwa (aho marikeri itabona) aho binjirira. Niba binjirira henshi, iyo numero izandikwa hose (**urugero: EICV5/006/02**).

Uko buri nkingi y'ifishi F1 yuzuzwa:

Inkingi ya 1: Inomeru y'inzu (HU)

Muri iyi nkingi, mwandika inomeru y'inzu (HU). Inomeru ntizitangwa mu kajagari, uhubwo muzikurikiranya mukurikije uko imiturire mu gapande k'ibarura iteye (uko mwayibonye muzenguruka imbibi z'umudugudu).

Inkingi ya 2: Inomeru y'urugo mu nzu (HU)

